

AMABWIRIZA RUSANGE N° 03/2008 REGULATION N° 03/2008 ON REGLEMENT N° 03/2008 PORTANT
YEREKEYE IBISABWA MU LICENSING CONDITIONS OF BANKS CONDITIONS D'AGREMENT DES
KWEMERERA AMABANKI GUKORA BANQUES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE : IBISABWA MU
KWEMERERWA GUKORA

CHAPTER ONE :LICENSING
REQUIREMENTS

CHAPITRE ONE : CONDITIONS
D'AGRÉMENT

Ingingo ya mbere: Imari shingiro isabwa

Article one: Required Capital

Article premier: Capital requis

Ingingo ya 2: Imiterere y'imari shingiro

Article 2: Ownership structure

Article 2: Structure de répartition du capital

Ingingo ya 3 : Urwego rw'abayobozi bakuru
ba banki

Article 3: Status of the bank' senior
managers

Article 3: Statut des dirigeants de la banque

Ingingo ya 4: Ibindi byitabwaho

Article 4: Additional considerations

Article 4: Considérations additionnelles

Ingingo ya 5: Kutabangamira igenzura

Article 5: No hindrance to supervision

Article 5: Non entrave à la supervision

UMUTWE WA II: UBURYO
BUKORESHA MU KWEMERERA
GUKORA

CHAPTER II: LICENSING
PROCEDURES

CHAPITRE II : PROCEDURES
D'AGRÉMENT

Ingingo ya 6: Gusaba kwemererwa gukora

Article 6: Application for a license

Article 6: Demande d'agrément

Ingingo ya 7: Amakuru n'innyandiko za
ngombwa

Article 7: Information and supporting
documents

Article 7: Information et documents d'appui

Ingingo ya 8: Urwandiko rumenyekanisha

Article 8: Letter of information

Article 8: Lettre d'information

<u>Ingingo ya 9:</u> icyemezo cya Banki Nkuru	<u>Article 9:</u> Central Bank's decision	<u>Article 9:</u> Décision de la Banque Centrale
<u>Ingingo ya 10:</u>Kumenyeshwa icyemezo	<u>Article 10:</u> Notification of the decision	<u>Article 10:</u> Communication de la décision
<u>Ingingo ya 11:</u>Ibindi bisabwa	<u>Article 11:</u> Additional requirements	<u>Article 11:</u> Exigences additionnelles
<u>Ingingo ya 12:</u> Kumenyekanisha impinduka	<u>Article 12:</u> Notification of changes	<u>Article 12:</u> Notification de changements
<u>UMUTWE WA III: AMAFARANGA Y'IKIGUZI CY'URUHUSHYA N'IBINDI BISABWA</u>	<u>CHAPTER III: LICENCE FEES AND OTHER REQUIREMENTS</u>	<u>CHAPITRE III : FRAIS D'AGRÉMENT ET AUTRES CONDITIONS À REMPLIR</u>
<u>Ingingo ya 13:</u> Kwishyura amafaranga yo kwemererwa gukora	<u>Article 13:</u> Payment of license fee	<u>Article 13:</u> Paiement de frais d'agrément
<u>Ingingo ya 14:</u> Agaciro n'ishyirwa ahagaragara by'uruhushya rwo gukora	<u>Article 14:</u> Duration and display of license	<u>Article 14 :</u> Durée et affichage de la license
<u>Ingingo ya 15:</u> Kugabanya no guhindura ibikubiye mu uruhushya	<u>Article 15:</u> Restriction and amendment of the licence	<u>Article 15 :</u> Restriction et modification de la license
<u>Ingingo ya 16:</u> Gutanga amakuru agezweho	<u>Article 16:</u> Update of information	<u>Article 16 :</u> Mise à jour des informations
<u>Ingingo ya 17:</u> Kumenyesha amazina y'abifuza kuba abayobozi	<u>Article 17:</u> Notice of appointment	<u>Article 17 :</u> Avis de nomination
<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALE</u>
<u>Ingingo ya 18:</u> Ivanwaho	<u>Article 18:</u>Repealing provisions	<u>Article 18 :</u> Dispositions abrogatoires
<u>Ingingo ya 19:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 19:</u> Commencement	<u>Article 19 :</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA RUSANGE N°03/2008 YEREKEYE IBISABWA MU KWEMERERA AMABANKI GUKORA	REGULATION N° 03/2008 ON LICENSING CONDITIONS OF BANKS	REGLEMENT N°03/2008 PORTANT CONDITIONS D'AGRÉMENT DES BANQUES
--	---	--

Ishingiye ku Itegeko N° 55 /2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 53, iya 56, 57 n'iya 58;

Pursuant to Law N° 55 /2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in articles 53, 56, 57 and 58;

Vu la Loi n° 55/2007 du 30/11/ 2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 53, 56, 57 et 58 ;

Ishingiye ku Itegeko N° 007/2008 ryo kuwa 08/04/2008 rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 7 n'iya 10;

Pursuant to Law N° 007/2008 of 08/04/2008 concerning organization of banking, especially in articles 7 and 10;

Vu la Loi n° 007 /2008 du 08/04/ 2008 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 7 et 10 ;

Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa "Banki Nkuru", itegegetse :

The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as "Central Bank", decrees: :

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « la Banque Centrale », edicte :

**UMUTWE WA MBERE I: IBISABWA
MU KWEMERERWA GUKORA**

**CHAPTER I: LICENSING
REQUIREMENTS**

**CHAPITRE I : CONDITIONS
D'AGRÉMENT**

Ingingo ya mbere: Imari shingiro isabwa

Article one: Required Capital

Article premier: Capital requis

Imari shingiro y'usaba uruhushya rwo kwemererwa gukora imirimo ya banki igomba kuba ihagije kugira ngo ibashe guhaza ubwinshi n'ubwoko bwa serivisi ziteganywa gutangwa mu ruhando rw'ipiganwa rihambaye.

The applicant's capital shall be adequate to support the projected volume and type of banking services planned in a highly competitive environment.

Le capital du demandeur doit être suffisant pour faire face au volume et au type de prestations bancaires prévues dans un environnement hautement concurrentiel.

Umuntu usaba kwemererwa gukora imirimo ya banki y'ubucuruzi agomba kuba afite imari itari muni ya miriyari eshanu z'amafaranga

The applicant proposing to transact business as a commercial bank, shall have a minimum paid up cash capital of not less than five

Le demandeur qui envisage d'exercer les activités d'une banque commerciale, doit avoir un capital-numéraire minimum libéré d'au

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

y'u Rwanda (5.000.000.000 Frw).

billion Rwanda Francs (Rwf 5,000,000,000).

moins cinq milliards de Francs rwandais (5.000.000.000 Frw).

Umuntu usaba kwemererwa gukora imirimo ya banki y'iterambere agomba kuba afite imari itari muni ya miriyari eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000.000 Frw).

The applicant proposing to transact business as development bank, shall have a paid up cash capital of not less than three billion Rwanda Francs (Rwf 3,000,000,000).

Le demandeur qui envisage d'exercer les activités d'une banque de développement doit avoir un capital-numéraire libéré d'au moins trois milliards de Francs rwandais (3.000.000.000 Frw).

Umuntu usaba kwemererwa gukora imirimo ya banki y'ikigo cy'imari iciriritse agomba kuba afite imari itari muni ya miriyari imwe na miriyoni magana atanu z'amafaranga y'u Rwanda (1.500.000.000 Frw).

The applicant proposing to transact business as a microfinance bank shall have a paid up cash capital of not less than one billion five hundred millions Rwanda Francs (Rwf 1,500,000,000).

Le demendeur qui envisage d'exercer les activités d'une banque de microfinance doit avoir un capital-numéraire libéré d'au moins un milliard cinq cent millions de Francs rwandais (1.500.000.000 Frw).

Umuntu usaba uruhushya rwo kwemererwa gukora agomba kugaragaza ubushobozi afite bwo guhorana imari idahungabanywa n'igihombo ku gipimo cyagenwe idashobora kujya muni igihe cyose kandi akubahiriza icyitegererezo gihoraho cy'imari shingiro ihagije igenwa hakurikijwe Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki

The applicant for a licence shall demonstrate the ability to maintain its capital funds, unimpaired by losses at the prescribed minimum amount at all times and to comply with the ongoing capital adequacy ratio established in accordance with the law concerning organization of banking.

Toute personne qui sollicite un agrément doit démontrer sa capacité à maintenir, en toutes circonstances, ses capitaux permanents nets de toutes pertes au montant minimum prescrit et à respecter le ratio de solvabilité fixé conformément à la loi portant organisation de l'activité bancaire.

Ingingo ya 2: Imiterere y'imari shingiro

Article 2: Ownership structure

Article 2: Structure de répartition du capital

Mu miterere y'imigabane ya banki isaba kwemererwa gukora hagomba kugaragamo ugukorera mu mucyo guhagije kugira ngo byorohereze Banki Nkuru gusuzuma abashoye imigabane mu kigo, baba abayishoye ku buryo buziguye ndetse n'ubutaziguye, ndetse n'ibigo

There shall be sufficient transparency in the ownership structure of the proposed bank so as to enable the Central Bank to evaluate the institution's substantial, direct and indirect, shareholders and its corporate affiliations, in compliance with articles 18 to 20 of the law

Une transparence suffisante doit être observée dans la structure du capital de la banque en constitution afin de permettre à la Banque Centrale d'évaluer les actionnaires importants, directs et indirects de l'institution, et de ses sociétés affiliées, en application des Articles 18

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

bigishamikiyeho, hakurikijwe ingingo kuva ku ya 18 kugeza ku ya 20 z' Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

Banki Nkuru isuzuma imirimo ya kera y'ubucuruzi yo mu rwego rwa banki n'iyo mu rwego rutari u rwa banki yakozwe n'abafite imigabane myinshi, ubudakemwa bwabo n'uburyo bahagaze mu rubuga rw'abacuruzi, n'ubushobozi mu by'imariabashoye imigabane myinshi bose bafite n'ubushobozi bafite bwo kongera gutanga indi nkunga y'imari, biramutse bikenewe.

Dosiye isaba kwemererwa gukora, ariko umwe mu bafite imigabane myinshi akaba atujuje ibisabwa kugira ngo yemererwe nk'uko biteganyijwe ku Mugereka wa 2, ntiyakirwa.

Inkomoko y'imari shingiro y'ibanze igomba gushorwa n'iyiy'indi mari iteganywa gushorwa hagomba kumenyeshwa Banki Nkuru, kimwe n'ijanisha ry'imigabane rya buri munyamigabane wese .

Banki Nkuru ikora iperereza ku nkomo y'iyo mari kugira ngo yizere ko itakomotse ku bikorwa bifitiwe amakenga.

concerning organization of banking.

The Central Bank shall review the substantial shareholders' past banking and non-banking business ventures, their integrity and standing in the business community, as well as the financial strength of all the substantial shareholders and their ability to provide further financial support, should it be needed.

An application, in which one of the substantial shareholders does not satisfy the fit and proper person criteria as determined by the Appendix 2, shall be rejected.

The source of the initial capital to be invested and that of any future funding, shall be disclosed to the Central Bank, as well as the percentage shareholding of each shareholder.

The Central Bank shall investigate the source of such funds to ensure funds are not derived from questionable sources.

à 20 de la loi portant organisation de l'activité bancaire .

La Banque Centrale examine les activités antérieures des principaux actionnaires, que ce soit dans le secteur bancaire ou non bancaire, leur intégrité et la réputation dont ils jouissent dans la communauté des affaires, ainsi que la solidité financière de tous les actionnaires importants et leur capacité à fournir un soutien financier additionnel, en cas de besoin.

Toute demande d'agrément dans laquelle un des actionnaires importants ne satisfait pas aux critères de qualification personnelle tels que définis à l'Annexe 2, sera rejetée.

La source du capital initial devant être investi et de tout financement futur, sera communiquée à la Banque Centrale, de même que le pourcentage de capital détenu par chacun des actionnaires.

La Banque Centrale enquête sur la source de ces financements afin de s'assurer que les fonds ne proviennent pas de sources suspectes.

Ingingo ya 3: Urwego rw'abayobozi bakuru

Usaba kwemererwa gukora agomba kugaragaza, ku buryo bunyuzwe Banki Nkuru, ko abayobozi bayo bujuje ibisabwa kugira ngo yemererwe gukora nk'uko bisobanuwe ku Mugereka wa 2.

Abari mu nama y'ubuyobozi n'abakozi bakuru bagomba kuba bafite ubumenyi buri ku rwego rutuma babasha gukora imirimo y'ubucuruzi bafite ubushobozi bwo gupigana n'ibindi bigo by'imari bisanzwe bikora kandi hakurikijwe ingingo ya 27 y' Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki. Bagomba kutagaragaraho zimwe mu mbogamizi ziteganywa n'ingingo iya 30 n'iya 31 z' Itegeko rivimaze kuvugwa haruguru.

Usaba kwemererwa gukora agomba kugaragaza, ku buryo bunyuzwe Banki Nkuru, ko imirimo ya banki iyobowe cyangwa ko izayoborwa nibura n'umuyobozi mukuru umwe uzi neza uburyo ingamba y'igihe kirekire y'ikigo ishyirwa mu bikorwa, ko afite ububasha bwo gutuma hafatwa ibyemezo bya politiki y'ikigo kandi ko ashobora kuyobora imirimo ikigo gikora.

Article 3: Status of the bank' senior managers

The applicant shall prove, to the satisfaction of the Central Bank that the applicant's management satisfies the fit and proper criteria set out in the Appendix 2.

The directors and officers shall have qualifications at a level, which shall enable them to conduct business competently and competitively with existing financial institutions and in compliance with article 27 of the law concerning organization of banking .They should not possess any of the disqualifications under articles 30 and 31 of the above mentioned law.

The applicant shall prove, to the satisfaction of the Central Bank, that the bank's business is or shall be directed by at least one executive director knowledgeable in the manner in which the institution's longer term strategy is pursued in practice, having the ability to influence the institution's policies and able to effectively direct the business of the institution.

Article 3: Statut des dirigeants de la banque

Le demandeur doit prouver, à la satisfaction de la Banque Centrale, que les membres de la direction du demandeur satisfont aux critères de qualification personnelle énoncés à l'Annexe 2.

Les administrateurs et les dirigeants doivent posséder un niveau de qualifications qui leur permet de conduire l'activité de façon compétente et compétitive avec les institutions financières existantes et en conformité avec l'article 27 de la Loi portant organisation de l'activité bancaire. Ils ne doivent présenter aucun des motifs de disqualification prévus aux articles 30 et 31 de la Loi précitée.

Le demandeur doit prouver, à la satisfaction de la Banque Centrale, que l'activité de la banque est ou sera dirigée par au moins un administrateur bien informé de la manière dont la stratégie à long terme de l'institution est mise en pratique et qui a la possibilité d'influencer les politiques de l'institution et est capable de diriger effectivement les affaires de l'institution.

Ingingo ya 4: Ibindi byitabwaho

Uretse ibyitabwaho bisobanurwa mu ngingo kuva ku ya 1 kugeza ku ya 3, Banki Nkuru igomba kwita no kuri ibi bikurikira:

1. ibyifuzo by'usaba kwemererwa gukora byerekeye uruhare yazana muri rusange mu iterambere ry'ubukungu mu Rwanda.
2. uruhare banki isaba kwemererwa gukora iteganya kugira mu gucyemura ibibazo byagaragajwe mu cyiciro cyangwa urwego runaka rw'ubukungu iyo banki ishaka kugiramo imishinga yifashishije ingamba zateguranywe ubushishozi;
3. ingamba rusange usaba kwemererwa gukora ateganya kugira ngo agire amahirwe ku isoko ishingiraho itegura gahunda y'ibikorwa ifatika bihagije kugira ngo ikorerwe isuzuma ryuzuye harimo isuzuma mikorere mu gihe kirambye n' isesengura ry'ibishobora gukorwa.

Gahunda y'ibikorwa ivugwa haruguru mu gace ka 3 igomba:

- a. kuba ikubiyemo gahunda y'imari

Article 4: Additional considerations

In addition to the considerations specified in articles 1 to 3, the Central Bank shall further take into account the following :

1. the intentions of the applicant with regard to its overall contributions to Rwanda economic development;
2. the expected role for the proposed bank in meeting identified needs for a particular area or sector of the economy to be served by it through a carefully conceived strategy;
3. the overall strategy of the applicant for succeeding in the market developed into a business plan sufficiently robust to support a comprehensive review and viability analysis.

The business plan specified under the above point 3 shall:

- a. include detailed financial projections

Article 4: Considérations additionnelles

Outre les considérations énoncées aux articles 1 à 3, la Banque Centrale prend également en compte les aspects suivants :

1. les intentions du demandeur concernant sa contribution globale au développement économique du Rwanda ;
2. toute contribution envisagée par la banque en constitution à la satisfaction des besoins identifiés dans un domaine ou un secteur donné de l'économie dans lequel elle entend intervenir au moyen d'une stratégie mûrement conçue ;
3. la stratégie globale du demandeur pour réussir sur le marché développé dans un plan d'affaires suffisamment robuste pour soutenir un examen complet et une analyse de viabilité.

Le plan d'affaires évoqué au point 3 ci-dessus doit :

- a. inclure des projections financières

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

irambuye iteganijwe mu gihe kizaza igaragaza mu gihe giciriritse ibikorwa biramba bya banki ;

which demonstrate medium-term viability ;

détaillées démontrant la viabilité à moyen terme ;

b. kuba ikubiyemo amakuru ahagije ku mutungo w'imari abashinze ikigo bafite mu rwego rwo kugishyigikira;

b. include sufficient information on the financial resources of the founders to support the institution;

b. inclure des informations suffisantes concernant les ressources financières dont disposent les membres fondateurs pour soutenir l'institution ;

c. kugaragaza uburyo ikigo kizayoborwa n'uko kizagenzurwa n'abagikoramo nogusobanura uburyo buzifashishwa mu gucungana n'ikibazo cyaturuka ku nguzanyo, ku gipimo cy'amafaranga abitse, cy'ivunjisha, ku gipimo cy'inyungu, ku mikorere n'ibindibibazo; no

c. describe how the institution is to be organised and controlled internally, and shall include a description of comprehensive risk management systems for credit, liquidity, foreign exchange, interest rate, operational and other risks; and

c. décrire la façon dont l'institution doit être organisée et contrôlée sur le plan interne, inclure une description complète des systèmes de gestion de risque de crédit, de liquidité, de change, de taux d'intérêt, opérationnel et aux autres risques ; et

d. kugaragaza politiki usaba afite n'iyoyateganya ku byerekeye kwishyura inyungu z'imigabane.

d. disclose the applicant's current and contemplated future policy with regard to the payment of dividends.

d. indiquer la politique actuelle et future du demandeur relativement au paiement de dividendes.

Ingingo ya 5: Kutabangamira igenzura

Usaba agomba kugenzura ko nta mpamvu n'imwe ihari, nk'ibura ry'amakuru cyangwa ubucye bwayo no kudakorera mu mucyo, yabangamira amaperereza akorwa nyuma yo gutanga dosiye isaba kwemererwa cyangwa yabuza igenzura nyuma yo guhabwa uruhushya rwo gukora.

Article 5: No hindrance to supervision

The applicant shall ensure that there is no factor, such as unavailability or inadequacy of information and lack of transparency, which may hinder the conduct of investigations after the submission of his or her application or inhibit effective supervision after the issuance of a licence.

Article 5: Non entrave à la supervision

Le demandeur doit s'assurer qu'aucun facteur, tel que l'indisponibilité ou l'insuffisance d'information et le manque de transparence, ne n'entrave la conduite d'enquêtes après le dépôt de sa demande ou n'empêche une supervision efficace après la délivrance d'un agrément.

Ku byerekeye abasaba b'abanyamahanga, ni ngombwa ko habaho urwego rw'ubwumvikane hagati ya Banki Nkuru n'umugenzuzi wo mu gihugu usaba akomokamo kugira ngo habeho igenzura rihuriye hamwe.

With respect to foreign applicants, a level of cooperation between the Central Bank and the home country supervisor shall need to be established to permit the conduct of consolidated supervision.

En ce qui concerne les demandeurs étrangers, un certain degré de coopération entre la Banque Centrale et l'organe de supervision du pays d'origine doit être établi pour favoriser la conduite d'une supervision consolidée.

UMUTWE WA II: UBURYO BUKORESHA MU KWEMERERA GUKORA

CHAPTER II: LICENSING PROCEDURES

CHAPITRE II : PROCÉDURES D'AGRÉMENT

Ingingo ya 6: Gusaba kwemererwa gukora

Article 6: Application for a licence

Article 6: Demande d'agrément

Dosiye isaba uruhushya rwo kwemererwa gukora itegurwa muri kopi ebyiri, mu buryo buteganywa ku Mugereka wa 1, kandi igaherekezwa n'inyandiko zishyigikira isaba zivugwa mu ngingo ya 7.

An application for a licence shall be made in duplicate, in the form set out in Appendix 1, and shall be accompanied by the supporting documents specified in article 7.

Toute demande d'agrément doit être formulée en double exemplaire, sous la forme décrite à l'Annexe 1, et doit être accompagnée par les documents justificatifs spécifiés à l'article 7.

Dosiye isaba uruhushya rwo kwemererwa gukora igomba gusobanura icyiciro cy'uruhushya rusabwa n'ibindi bikorwa by'amabanki bishobora kujyana n'ibindi byiciro by'uruhushya usaba ateganya gukora.

An application for a licence must specify the class of licence being applied for and other banking activities that may fall under other classes of licence, which the applicant intends to carry out.

Toute demande d'agrément doit préciser la catégorie d'agrément qui est sollicitée et les autres activités bancaires pouvant relever d'autres catégories d'agrément que le demandeur entend exercer.

Buri dosiye isaba uruhushya rwo kwemererwa gukora iherekezwa n'amafaranga adasubizwa angana na miriyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda.

A non-refundable application fee of Rwanda Francs one million shall accompany each application for a licence.

Chaque demande d'agrément doit être accompagnée des frais non remboursables d'un million de Francs rwandais.

Ingingo ya 7: Amakuru n'inyandiko za ngombwa

Buri dosiye yose isaba uruhushya rwo kwemererwa gukora igomba guherekezwa n'inyandiko zikurikira:

1. ifishi iriho amakuru yerekeye usaba kwemererwa gukora n'aya buri wese mu bafite imigabane myinshi (iyo ari ikigo), n'ayerekeye amasosiyete usaba afitemo imigabane cyangwa amashami mu buryo busobanuwe ku Mugereka wa 3 ;
2. urupapuro rw'imenyekanisha rw'umuntu ku giti cye kuri buri wese mu bateganya gushyirwa mu nama y'ubuyobozi, abakozi bo mu myanya y'ubuyobozi n'abafite imigabane myinshi (iyo ari abantu ku giti cyabo) mu buryo busobanuwe ku Mugereka wa 4;
3. inyandiko zigaragaza inguzanyo umuntu ku giti cye usaba kwemererwa gukora yafashe, iza buri wese mu batanze imigabane myinshi, iz'abari mu nama y'ubuyobozi n'abakozi bo mu myanya y'ubuyobozi zitanzwe na banki bakorana;

Article 7: Information and supporting documents

Each application for a licence shall be accompanied by the following supporting documents:

1. an information sheet for the applicant and for each of its substantial shareholders (if corporate), subsidiaries or affiliates in the form set out in Appendix 3;
2. a personal declaration form for each of the proposed directors, officers and substantial shareholders (if natural persons) in the form set out in Appendix 4 ;
3. individual credit references for the applicant and each of the substantial shareholders, directors and officers from his or her bankers;

Article 7: Information et documents d'appui

Chaque demande d'agrément doit être accompagnée par les documents suivants :

1. une fiche d'information pour le demandeur et pour chacun de ses actionnaires importants (s'il s'agit de sociétés), ainsi que pour ses filiales ou sociétés affiliées dans la forme indiquée à l'Annexe 3 ;
2. une déclaration individuelle de chacun des futurs administrateurs, dirigeants et actionnaires importants (s'il s'agit de personnes physiques) dans la forme indiquée à l'Annexe 4 ;
3. les références de crédit individuel du demandeur et de chacun des actionnaires importants, des administrateurs et des dirigeants fournies par leurs banquiers ;

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

- | | | |
|--|--|---|
| 4. imiterere y'imari shingiro iteganyijwe; | 4. proposed capital structure; | 4. la structure de capital proposée; |
| 5. gahunda y'ibikorwa n'imiterere y'imari mu gihe kizaza mu igihe nibura cy'imyaka itatu (harimo ibyo bateganya muri icyo miterere y'igihe kizaza n'isesengura ry'imyumvikanire y'icyo gahunda ku mihindukire y'ibikorwa biteganywa); | 5. a business plan and financial projections for at least three years (including the assumptions underlying the projections and a sensitivity analysis of the plan on varying assumptions); | 5. un plan d'affaires et des projections financières couvrant une période d'au moins trois ans (y compris les hypothèses qui sous-tendent les projections et une analyse de sensibilité du plan sur la variation des hypothèses); |
| 6. icyemezo cy'Ishingwa ry'Ikigo; Amasezerano n'Amategeko Shingiro by'Ikigo; | 6. the Certificate of Incorporation; the Memorandum and Articles of Association; | 6. Certificat de constitution; l'Acte Constitutif et les Statuts ; |
| 7. Ku byerekeye banki zisaba z'inyamahanga zisaba kwemererwa, inyandiko mvugo y'urwego rw'ubugenzuzi rwo mu gihugu akomokamo ivuga ko urwo rwego rwabanje kubimwemerera cyangwa ko yemerewe gushyiraho amashami cyangwa ibindi biro mu Rwanda, kandi ko Perezida w'inama y'ubuyobozi, abagize inama y'ubuyobozi, abacungamari, n'abafite imigabane myinshi bese ko ari abantu bujuje ibisabwa byo kuba bakoraumurimo w'amabanki, ; | 7. with respect to foreign applicants, a statement from the supervisory authority of the home country declaring that it has given prior approval or a "No Objection" for the establishment of a subsidiary or any other office in Rwanda, and that the applicant's chairperson, directors, managers and substantial shareholders as a whole, are fit and proper persons to carry out banking activity, ; | 7. s'agissant de demandeurs étrangers, une déclaration de l'autorité de supervision du pays d'origine déclarant qu'elle a donné son accord préalable ou émis une « Non objection » pour la création d'une filiale ou de tout autre bureau au Rwanda, et que le président du Conseil d'administration du demandeur, ses administrateurs, ses gérants et l'ensemble de ses actionnaires importants, sont des personnes qualifiées pour exercer l'activité bancaire, ; |
| 8. kopi zemejwe z'ifoto y'umutungo wakorewe igenzura mu myaka itatu ishize kandi yateguwe hakurikijwe | 8. certified copies of audited financial statements for the past three years and prepared in accordance with generally | 8. des copies certifiées des états financiers audités pour les trois derniers exercices et établis conformément aux principes |

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

amahame yemewe agenga ibaruramari, ku ibigo by'imari bisanzweho n'amasosiyete byagize uruhare mu bindi bikorwa by'ubucuruzi mbere yo gusaba gukora imirimo ya banki,;

9. igenzura ry'amakonti riheruka. Iyo igenzura ry'amakonti riheruka rimaze amezi arenze atandatu nyuma y'aho irindi genzura riba ryarakorewe, rigomba guherekezwa na konti z'icungamutungo (zidakeneye gukorerwa igenzura) zerekana uko imari ihagaze n'inyungu ikigo gifite muri icyo gihe;

10. kopi yemejwe y'imyanzuro y'Inama y'Ubuyobozi itanga uruhushya rwo gutegura no gutanga dosiye;

11. andi makuru yose yerekeye imikorere irambye y'ikigo gisabirwa gukora cyangwa izindi ngingo usaba abona ko ari ngombwa; na

12. andi makuru yose Banki Nkuru ishobora gusaba banki kuyigezaho.

accepted accounting principles, for the existing financial institutions and companies which have been engaged in other businesses before applying to do banking activity;

9. the most recent audited accounts. If the most recent audited accounts are more than six months out of date, they should be accompanied by management accounts (which need not be audited) showing the current financial position and the current results of the institution;

10. a certified copy of the resolution of the Board of Directors, authorising the preparation and submission of the application;

11. any other information relating to the viability of the proposed institution or other matters which the applicant may consider relevant; and

12. any other information which the Central Bank may request the applicant to provide.

comptables généralement admis, pour les institutions financières et entreprises existantes qui ont été engagées dans d'autres activités avant de solliciter l'autorisation d'exercer l'activité bancaire ;

9. les comptes audités les plus récents. Si les comptes audités les plus récents sont dépassés de plus de six mois, ils doivent être accompagnés par des comptes de gestion (qui n'ont pas besoin d'être vérifiés) présentant la situation financière actuelle et les résultats actuels de l'institution ;

10. une copie certifiée de la résolution du Conseil d'administration autorisant la préparation et le dépôt de la demande ;

11. toute autre information concernant la viabilité de l'institution à créer ou tous autres éléments que le demandeur peut juger pertinents ; et

12. toute autre information que la Banque Centrale pourrait demander au demandeur de fournir.

Gutanga amakuru atariyo cyangwa yo kuyobya bituma usaba kwemererwa gukora afatwa

The submission of any untrue or misleading information shall render the applicant a

La transmission d'informations fausses ou trompeuses disqualifie le demandeur et

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

nk'utujuje ibisabwa kandi biba impamvu zihagije zishingirwaho mu kwanga dosiye ye cyangwa kwamburwa uruhushya rwo gukora, iyo rwatanzwe, hakurikijwe ingingo ya 65 y'Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

Ingingo ya 8: Urwandiko rumenyekanisha

Nyuma yo kwakira dosiye isaba kwemererwa gukora iherekejwe n'amafaranga asabwa hamwe n'inyandiko za ngombwa ziyiherekeje nkuko biteganywa n'ingingo ya 6 n'ya 7, Banki Nkuru igomba, mu gihe cy'iminsi itarenze irindwi (7) y'akazi, koherereza usaba urwandiko rumumenyeshya ko dosiye ye isaba kwemererwa gukora yuzuye cyangwa ko ituzuye.

Iyo bigaragaye ko inyandiko zatanzwe zuzuye, imirimo yo kuzisuzuma ihita itangira.

Mu gihe inyandiko zatanzwe zituzuye, urwandiko rumenyekanisha rugomba kugaragaza ibisabwa bitubahirijwe muri dosiye yatanzwe, igatanga igihe ntarengwa cyo kuzuzwa ibisabwa bitubahirijwe, kandi nta kindi cyemezo Banki Nkuru ishobora gufata keretse iyo ibisabwa kuzuzwa bimaze kuzura mu gihe ntarengwa cyagenwe.

person not fit and proper and shall constitute sufficient grounds for rejection of the application or revocation of the licence, where a licence has been granted, in accordance with article 65 of the law governing banking activity.

Article 8: Letter of information

Upon receipt of an application form together with the requisite application fee and supporting documents as provided under articles 6 and 7, the Central Bank shall, within seven working days, send the applicant a letter of information specifying that the file submitted for license is complete or not .

If the documents submitted for license are found to be complete, the processing or evaluation will commence.

Where the documents submitted are not complete, the letter of information shall outline deficiencies in the application, provides a deadline for rectification of the deficiencies, and no further action shall be taken by the Central Bank unless the deficiencies are rectified within the period prescribed.

constitue de motifs suffisants de rejet de la demande ou de révocation de l'agrément, dans le cas où un agrément aurait été accordé, conformément à l'article 65 de la Loi régissant l'activité bancaire.

Article 8: Lettre d'information

Dès réception d'un formulaire de demande accompagné des frais requis et des documents d'appui prévus tel que prévu aux articles 6 et 7, la Banque Centrale doit, dans un délai de sept jours ouvrables, envoyer au demandeur une lettre d'information lui notifiant que le dossier soumis pour agrément est complet ou non.

Si les documents soumis pour agrément sont jugés complets, l'évaluation doit commencer.

Lorsque les documents soumis sont incomplets, la lettre d'information précise les insuffisances contenues dans la demande, indique un délai pour la rectification des insuffisances, et aucune autre action ne sera prise par la Banque Centrale à moins que ces insuffisances soient rectifiées dans le délai prescrit.

Ingingo ya 9: icyemezo cya Banki Nkuru

Mu mezi atarenze atatu nyuma yo kwakira dosiye yuzuye kandi hakurikijwe ingingo ya 10 y'Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, Banki Nkuru igomba gukora iperereza ikanategura raporo icukumbuye yerekeye dosiye ya buri usaba kwemererwa gukora.

Iyo raporo yerekana icyemezo Banki Nkuru yafashe cyo:

1. kuyemerera gukora, iyo isanga yujuje ibisabwa kwemererwa gukora;
2. gutanga uburenganzira bwo gukora habanje kubahirizwa ibyangombwa bimwe na bimwe Banki Nkuru ibona ko ari ngombwa ;
3. guha usaba uruhushya rwo gukora rureba gusa igice cy'imirimo y'amabanki afitiye ibisabwa byuzuye;
4. kudatanga uruhushya rwo gukora ku mpamvu zisobanurwa mu nyandiko imenyekanisha icyemezo cyafashwe cyangwa mu urwandiko rwimana uruhushya.

Article 9: Central Bank's decision

The Central Bank shall, within three months after receipt of a complete application and in accordance with article 10 of the law governing banking activity, investigate and prepare a detailed report in respect of each application.

The report shall indicate the decision of the Central Bank to:

1. grant the licence, if it is satisfied that the application satisfies the requirements for licensing;
2. grant the licence subject to the fulfilment of certain conditions that it may deem necessary;
3. grant the applicant a limited licence covering only part of the bank business for which the applicant meets the requirements; or
4. refuse to grant the licence for reasons stated in the notice of decision or letter of refusal.

Article 9: Décision de la Banque Centrale

Dans un délai de trois mois après avoir reçu une demande complète et conformément à l'article 10 de la Loi régissant l'activité bancaire, la Banque Centrale mène des enquêtes et établit un rapport détaillé concernant chaque demande.

Le rapport indique la décision de la Banque Centrale :

1. d'accorder l'agrément, si selon son appréciation la demande satisfait aux conditions d'agrément ;
2. d'accorder l'agrément sous réserve que soient remplies certaines conditions qu'elle juge nécessaires;
3. d'accorder au demandeur un agrément limité ne couvrant qu'une partie de l'activité bancaire pour laquelle elle remplit les conditions requises ; ou
4. de refuser d'accorder l'agrément pour des motifs indiqués dans l'avis de décision ou la lettre de refus.

Ingingo ya 10:Kumenyeshwa icyemezo

Banki Nkuru imenyeshya, mu nyandiko, uwasabye icyemezo yafashe cyo kuyiha cyangwa kuyima uruhushya rwo gukora.

Inyandiko imenyeshya icyemezo cyo kutemerera uwasabye gukora kigomba kugaragaza impamvu zashingiweho.

Ingingo ya 11:Ibindi bisabwa

Iyo Banki Nkuru ifashe icyemezo cyo gutanga uruhushya rwo gukora , igomba, mu inyandiko imenyeshya icyemezo cyo gutanga uruhushya, gutegeka usaba kwemererwa gukora kuyigezaho, mu gihe kitarenze ibyumweru bibiri ibonye iyo nyandiko, icyemezo cy'amafaranga yabitswe ku izina ry'usaba kigaragaza ko yabikije cyangwa yashoye umubare w'amafaranga utegetswe utari muni y'imari shingiro yashyizwe kuri konti cyangwa mu bigize umutungo byemejwe na Banki Nkuru mbere y'uko uruhushya ruhabwa uwarusabye.

Hatitawe ku itangwa ry'uruhushya, nta banki yemerewe gutangiza imirimo itabanje kubyemererwa na Banki Nkuru kuko ari yo ikora igenzura ribanziriza itangizwa ry'imirimo ya banki ryerekeye aho iteganya gukorera mu rwego rwo kwemeza ko inyubako

Article 10: Notification of the decision

The Central Bank shall inform the applicant, in writing, of its decision to grant or refuse to grant the licence.

A notice communicating the decision not to grant a licence shall state the grounds upon which it is based.

Article 11: Additional requirements

Where the Central Bank decides to grant a licence, it shall, in the notice communicating the decision to grant a licence, require the applicant to submit, within a period of two weeks after the date of receipt of the notice, a certificate of deposit in the name of the applicant indicating that it has deposited or invested an amount not less than the required minimum paid-up capital in such accounts or assets approved by the Central Bank, before a licence can be issued.

Notwithstanding the issuance of a licence, no bank shall open for business without prior clearance from the Central Bank which shall conduct a pre opening inspection of the proposed institution premises to confirm the adequacy of the premises for the proposed

Article 10: Communication de la décision

La Banque Centrale informe le demandeur, par écrit, de sa décision d'accorder ou de refuser d'accorder l'agrément.

Tout avis communiquant la décision de ne pas accorder un agrément indique les motifs sur lesquels est fondée la décision.

Article 11: Exigences additionnelles

Si la Banque Centrale décide d'accorder un agrément, elle exige du demandeur, dans l'avis communiquant la décision d'octroyer l'agrément, qu'il soumette, dans un délai de deux semaines après la date de réception de l'avis, un certificat de dépôt au nom du demandeur indiquant qu'il a déposé ou investi un montant au moins égal au montant minimum de capital libéré requis dans des comptes ou des avoirs approuvés par la Banque Centrale, avant la délivrance d'un agrément.

Nonobstant la délivrance d'un agrément, aucune banque ne peut démarrer ses activités sans l'autorisation préalable de la Banque Centrale qui procède à une inspection préalable des locaux de l'institution à créer afin de confirmer l'adéquation des locaux à l'activité

Official Gazette n° 51 bis of 20/12/2010

izakoreramo zibereye ugereranyije n'ibyo banki iteganya kuhakorera, ko ifite ibyumba by'umutamenwa n'uburyo bwo kubungabunga umutekano, ibyuma bikoresha ikoranabuhanga n'ibikorwa-remezo by'itumanaho biberanye n'urwego rwa banki igiye kuhakorera.

business, strong room and vault and the existence of a security system, electronic equipment and communication facilities suited to the type of bank concerned.

envisagée, de la chambre forte et de la salle des coffres et l'existence d'un système de sécurité, des équipements électroniques et des installations de communication adaptés à la catégorie de banque concernée.

Abahawe uruhushya rwo gukora basabwa kandi :

Successful applicants shall further be required to:

Les candidats retenus sont par ailleurs tenus de :

1. kugeza kuri Banki Nkuru inyandiko zuzuye zisobanura imikorere, zikubiyemo politiki n'uburyo bukoreshwa mu gutanga inguzanyo, gushora imari, kubitsa amafaranga, ivunjisha n'indi mirimo y'ingenzi ikorwa na banki;
2. gutanga amakuru yerekeye politiki n'uburyo bukoreshwa mu gucungana n'ibihombo byaturuka ku nguzanyo, ku amafaranga abitse, ku gipimo cy'inyungu, ku gipimo cy'ivunjisha no ku bindi bihombi bikomoka ku mikorere;
3. gutanga amakuru yerekeye uburyo bukoreshwa mu guhana amakuru, imiterere y'ingero z' impapuro zuzuzwa, raporo n'imigereka yabyo;
4. gutanga izindi nyandiko cyangwa amakuru Banki Nkuru ishobora gusaba;

1. provide the Central Bank with complete operating manuals, covering policies and procedures on loans, investments, deposits, foreign exchange and other major operations of the bank;
2. provide information regarding risk management policies and procedures covering credit, liquidity, interest rate, foreign exchange and operational risks;
3. provide information regarding management information systems, description of sample forms, reports and appendix;
4. provide any other documents or information, which the Central Bank

1. fournir à la Banque Centrale des manuels des opérations complets décrivant les politiques et les procédures relatives aux opérations de prêts, d'investissements, de dépôts, de change et des autres grandes opérations de la banque ;
2. fournir des informations concernant les politiques et procédures de gestion du risque de crédit, de liquidité, de taux d'intérêt, de change et des risque opérationnels ;
3. fournir des informations concernant la gestion des systèmes d'information, la description des modèles de formulaires, de rapports et leurs annexes ;
4. fournir tous autres documents ou information que la Banque Centrale

- | | | |
|---|--|---|
| no | may require; and | pourrait exiger ; et |
| 5. kwishyura amafaranga y'ikiguzi cy'uruhushya rwo gukora agenwa na Banki Nkuru, hakurikijwe ingingo ya 13 y'aya mabwiriza, mu minsi itarenze cumi n'ine (14) kuva bamenyeshejwe ko bemerewe. | 5. pay the licence fee prescribed by the Central Bank, under article 13 of this regulation, within fourteen (14) days of receipt of the notice of decision to licence the applicant. | 5. payer les frais d'agrément prescrits par la Banque Centrale, tel qu'indiqué à l'article 13 du présent règlement, dans un délai de quatorze (14) jours à compter de la réception de la notification de la décision d'octroi de l'agrément au demandeur. |

Ingingo ya 12: Kumenyekanisha impinduka

Impinduka zose z'ingenzi, nko mu bagize inama y'ubuyobozi, abayobozi cyangwa abagize komite nyobozi, ba nyirimigabane, cyangwa mu miterere y'imari shingiro mu gihe idosiye isaba kwemererwa ikigwaho cyangwa nyuma yo gutanga uruhushya rwo gukora ariko mbere y'uko banki itangira imirimo, zigomba kumenyeshwa Banki Nkuru mu buryo bwemewe bidatinze, ariko uko byagenda kose, ntibirenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) ikurikira umunsi banki yamenyeye izo mpinduka.

Article 12: Notification of changes

Any material changes, such as in the composition of directors or board members, directors or members of executive committee, shareholders, or in the capital structure while the application is being processed or after the granting of a licence but before commencement, shall be duly notified to the Central Bank as soon as possible, but in any event, not later than twenty one (21) days after the day the changes come to the attention of the bank.

Article 12: Notification de changements

Toutes modifications importantes, telles que la composition des des membres du Conseil d'administration, des dirigeants ou des membres du comité exécutif, des actionnaires ou de la structure du capital pendant la période d'examen de la demande ou après l'octroi d'un agrément, mais avant le démarrage des activités, doit être dûment notifiée à la Banque Centrale le plus tôt possible, mais en tout état de cause, au plus tard vingt et un (21) jours après le jour où la banque a pris connaissance des changements.

UMUTWE WA III: AMAFARANGA Y'IKIGUZI CY'URUHUSHYA N'IBINDI BISABWA

CHAPTER III: LICENCE FEES AND OTHER REQUIREMENTS

CHAPITRE III : FRAIS D'AGRÈMENT ET AUTRES CONDITIONS À REMPLIR

Ingingo ya 13: Kwishyura amafaranga yo kwemererwa gukora

Amafaranga y'ibanze y'ikiguzi cy'uruhushya rwo kwemererwa gukora kingana na Miriyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 Frw) kandi atangwa nyuma yo kumenyeshwa icyemezo cyo kwemererwa gukora. Hanyuma buri mwaka hagatangwa amafaranga miriyoni eshanu y'u Rwanda (5.000.000 Frw) agenwa uko umwaka utashye na Banki Nkuru kandi akishyurwa ku itariki ya 31 Mutarama cyangwa mbere y'itariki ya 31 Mutarama buri mwaka kuzageza igihe agaciro karwo karangiriye.

Ingingo ya 14: Igihe n'ishyirwa ahagaragare ry'uruhushya rwo gukora

Uruhushya rutanzwe rugumana agaciro karwo kugeza igihe Banki Nkuru ivanyeho ako gaciro.

Uruhushya rutanzwe hakurikijwe aya mabwiriza rusange rugomba, igihe cyose, kumanikwa ahantu hagaragara bose ku kicaro gikuru cya banki yaruhawe, kandi kopi zarwo na zo zikamanikwa muri ubwo buryo kuri buri

Article 13: Payment of license fee

